REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO
AKARERE KA KAMONYI
B.P. 03 MUHANGA
E-mail: kamonyi@kamonyi.gov.rw

Kamonyi, ku wa 30 Ugushyingo 2020
N°..........74.........../07.02/08DC

Madamu Guverineri w'Intara y'Amajyepfo
NYANZA

**Impamvu** :Kohereza Ibyemezo by'inama y'inama Njyanama isanzwe y'Akarere ka Kamonyi yateranye kuwa 27 Ugushyingo 2020

Madamu Guverineri;

Nishimiye kubohererereza ku mugereka w'iyi baruwa Ibyemezo by'inama y'inama Njyanama isanzwe y'Akarere ka Kamonyi yateranye kuwa 27 Ugushyingo 2020

Mbifurije kubyakira neza.

**NYONI E. Lambert**
Perezida w'Inama Njyanama y' Akarere ka KAMONYI

**Bimenyeshejwe :**
Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu **MINALOC**
**KIGALI**
Bwana Umuyobozi w'Agateganyo w'Akarere
**KAMONYI**

REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO
AKARERE KA KAMONYI
B.P. 03 MUHANGA
E-mail: kamonyi@kamonyi.gov.rw

**IBYEMEZO BY'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI YATERANYE KUWA 27 UGUSHYINGO 2020 No........ /2020 DC**

None ku wa gatanu tariki ya 27 Ugushyingo 2020, mu cyumba cy'inama cy'Akarere ka Kamonyi guhera saa tatu zuzuye (9h00), habereye inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka kamonyi iyobowe na Perezida wayo Bwana **NYONI E. Lambert**. Mu gutangiza iyi nama Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere yashimiye abitabiriye inama; yakomeje agaragaza abajyanama batitabiriye inama n'impamvu zabo aribo :

**1.UTAMULIZA Christine: Impamvu y'akazi**

**2.UWANTEGE Agnes: Impamvu y'akazi**

**3.ZINARIZIMA Diogeneaa: Impamvu y'Akazi**

**4.KARASIRA Ernest: Yitabiriye inama y'akazi**

**5.NIYONSHIMA Josiane: Impamvu y'akazi**

**6.MUNYANKUMBURWA Jean Marie: Yitabiriye inama ya PSF ku rwego rw'igihugu.**

Yibukije kandi ingingo ziri buganirwego arizo:

1.Kwemeza inyandikomvugo y'inama iheruka yo kuwa 11 Nzeli 2020

2.Kurebera hamwe raporo z'amakomisiyo ahoraho agize Inama Njyanama

3.Kurebera hamwe ishyirwamubikorwa ry'imihigo na gahunda y'ibikorwa y'Akarere 2020-2021.

4.Kurebera hamwe ibyavuye mu bipimo by'imitangire ya serivisi mu Karere ka Kamonyi

5.Kwemeza ibiruhuko by'abagize Komite Nyobozi

6. Ibindi(Umwiherero w'abajyanama)

**IBYEMEZO BYAFASHWE NYUMA YO KUGANIRA KU NGINGO ZIRI KU MURONGO W'IBYIGWA**

| N0 | INGINGO ZAGANIRIWEHO | ICYEMEZO CYAFASHWE | UBURYO ICYEMEZO CYAFASHWE | UZASHYIRA MUBIKORWA ICYEMEZO CYAFASHWE | IGIHE ICYEMEZO KIZASHYIRIRWA MU BIKORWA |
|---|---|---|---|---|---|
| I. | Kwemeza inyandikomvugo y'inama iheruka yo kuwa 11 Nzeli 2020 | 1.Abajyanama bemeje Inyandikomvugo y'inama isanzwe yo kuwa 11.09.2020 | Iki cyemezo cyafashwe mu bwisanzure bw'abajyanama. | Umunyamabanga w'Inama Njyanama | Ugushyingo 2020 |
| II. | Kurebera hamwe raporo z'amakomisiyo | Abajyanama bamze kugezwaho raporo | Ibi byemezo byafashwe mu bwisanzure | Komite Nyobozi y'Akarere | Ukuboza 2020 |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | ahoraho agize Inama Njyanama | z'amakomisiyo bazakiriye :<br><br>**MURI KOMISIYO Y'UBUKUNGU BAFASHE IBYEMEZO BIKURIKIRA:** Abajyanama bamaze kubona ibaruwa Umurenge Sacco Runda yanditse isaba kugabanyirizwa ubukode bw'inzu y'Akarere ikoreramo biyemeje gusubira ku cyemezo cyari cyarafashwe ku tariki 11.09. 2020 cyemezaga ko Sacco Runda izishyura 100,000 frw y'ubukode bw'inzu bakoreramo;<br><br>**2.**Bemeje ubusabe bw'Umurenge Sacco Runda ko izajya yishyura ibihumbi mirongo itanu(50,000frw) y'ubukode bw'inzu y'Akarere ikoreramo.<br><br>**3.**Abajyanama bemeje imbibi nshya z'igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kamonyi. (Akagli ka Kigese mu Murenge wa | bw'abajyanama.<br><br>Ibi byemezo byafashwe muri raporo ya komisiyo y'ubukungu byafashwe mu bwisanzure bw'abajyanama | Komite Nyobozi y'Akarere | Ukuboza 2020 |



INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI
REPUBULIKA Y'U RWANDA
UBUMWE - UMURIMO - GUKUNDA IGIHUGU

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | Rugalika);mu Murenge wa Runda ;akagali ka Gihara mu midugudu ya Rukaragata;Bimba n'agace gato ka Kagina.<br><br>**4.**Abajyanama bemeje ibishushanyo mbonezamiturire bya site 135 z'imidugudu y'icyaro ziri ku mugereka w'ibi byemezo.<br><br>**5.**Abajyanama bemeje ko Akarere kandikira Major **RUTAYISIRE Guillaume** amenyeshwa ko ikibanza cye gifite **UPI: 2/08/12/05/182** kiri mu Kagali ka Ruyenzi ko ubu butaka bukoreshwa icyo bwagenewe ntagihindutseho.<br><br>**6.**Ku kijyanye n'abaturage bo mu Murenge wa Rukoma;Akagali ka Taba bandikiye Inama Njyanama basaba kwandikwaho ubutaka | | | |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | bakoreraho;Abajyanama bemeje ko bamenyeshwa ko bakomeza gukoresha ubu ubutaka bwa Leta buriho ishyamba;bityo bakabwirwa ko u butaka batabwandikwaho kuko atari ubwabo.<br><br>**7.**Abajyanama bemeje ubusabe bwa **NTIHINYUZWA Danny** k'ubutaka bwe bufite **UPI:NO 2/08/10/05/3921** buherereye mu Mudugudu wa Karehe ;Akagali ka Sheli mu Murenge wa Rugalika ko bukurwa mu guturwa bugashyirwa mu buhinzi ariko bagakoreraho umushinga w'ubuhinzi bw'imbuto n'imboga biyemeje.<br><br>**8.**Abajyanama bemeje ko ubutaka bw'Akarere bufite **UPI:2/08/12/04/2933**buhererey e mu Murenge wa Runda ;Akagali ka | | | |



INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | Kurebera hamwe ishyirwamubikorw | Muganza;Umudugudu wa Rubona bwariho ikawa buvanwa mu buhinzi bugashyirwa mu gutura.<br><br>**9.**Abajyanama bemeje ko abakodesha inzu z'Akarere bandikiye inama Njyanama bagaragaza ko imirimo bakoraga yagizweho ingaruka na Covid19 basonerwa amezi y'ubukode bw'inzu ku gihe cya Guma murugo kingana n'amezi ane(4) kuva tariki ya 1Mata 2020- 31 Nyakanga 2020.<br><br>**10.**Abajyanama bemeje ko **BIZIMANA Edouard** waguze ubutaka na **MUREKATETE Rose**;yajya kubwubaka akarengera Leta **101 sqm** yandikirwa amenyeshwa ko ubutaka yarengereye azabwishyura amafaranga agashyirwa kuri konti y'Akarere hashingiwe ku gaciro | Iki cyemezo | | |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| III. | a ry'imihigo na gahunda y'ibikorwa y'Akarere 2020-2021. | katanzwe n'umugenagaciro w'Akarere.<br><br>**11.**Abajyanama bemeje ko **UWAMURERA Hadidja** Komite Nyobozi yakongera ikamwandikira imwibutsa ko asabwa kuzana inyandiko igaragaza inkomoko n'ingano y'ubutaka yita ubwe. | cyafashwe mu bwisanzure bw'abajyanama | | |
| IV. | Kurebera hamwe ibyavuye mu bipimo by'imitangire ya serivisi mu Karere ka Kamonyi | | | | |
| V. | Kwemeza ibiruhuko by'abagize komite Nyobozi y'Akarere | **12.**Abajyanama bemeje ishyirwamubikorwa rya gahunda y'ibikorwa y'Akarere 2020-2021 nyuma yo kuyigezwaho na Komite Nyobozi. | Iki cyemezo cyafashwe mu bwisanzure bw'abajyanama | | |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | -<br><br>1**3.** Abajyanama bemeje ibiruhuko by'abagize Komite Nyobozi:<br><br>- Umuyobozi w'Akarere<br><br>Wungirije Ushinzwe Imibereho myiza **madamu UWAMAHORO Prisca** azatangira ikiruhuko cy'umwaka wa 20120-2021 kuva tariki 01 Ukuboza 2020 kugera tariki 15 Ukuboza 2020<br><br>- Umuyobozi w'Agateganyo w'Akarere **bwana TUYIZERE Thaddée** azatangira ikiruhuko cy'umwaka wa 2020-2021 kuva kuwa 02 Mutarama 2021 kugera kuwa 16 Mutarama 2021. | Iki cyemezo cyafashwe mu bwisanzure bw'Abajyanama | | |



INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI
REPUBULIKA Y'U RWANDA

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| VI. | **IBINDI**<br><br>-Umwiherero w'Abajyanama | **14**.Abajyanama bemeje ko Umwiherero w'Abajyanama uzabera mu Karere ka Huye tariki 10-12 Ukuboza 2020 | Iki cyemezo cyafashwe mu bwisanzure bw'abajyanama | Abajyanama | Ukuboza 2020 |
| | INGINGO ZAGANIRIWEHO NI :**6** | IBYEMEZO BYAFASHWE BYOSE NI: **14** | | | |

Inama yasoje Imirimo yayo saa sita zuzuye (12h00); Umuyobozi w'Inama Njyanama ashimira abajyanama ku bitekerezo byiza batanze.

**MUKANYANDWI Rose** — **NYONI E.Lambert**

01/12/20

**Umunyamabanga w'Inama Njyanama** — **Perezida w'Inama Njyanama**

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAYONZA

REPUBULIKA Y'U RWANDA

UBUMWE - UMURIMO - GUKUNDA IGIHUGU